



# Mama W'ikirenga


Mimi Werna

Tr: Francine Muhawenimana

Marion Drew

Kinyarwanda

African Storybook.org



Mama afite iduka.

Yita ku iduka rye, abakiriya be, abamuha ibi ntu, n'umuryango we.

Avuga ko rwose akumbuye data iyo akora ingendo!



Terefone ye isona kenshi idahagarara.

Abakiriya bahamagara babaza ibiciro, no kwishyura ibyo batumije.


Bahamagaye kugirango bakurikirane ibyo batumije, no kwitotombera ibyo batumije.



Kenshi tujya mu iduka rye nyuma ya saa sita.

Tukamubwira ibyerekeye ishuri.


Ariko ibiganiro byacu bihora bihagarikwa nabakiriya bashishikajwe nuko abitaho.



Twishimisha hamwe nabana baza kumaduka hamwe nababyeyi babo.

Rimwe na rimwe, mama agomba kubakira kimwe no gufasha abakiriya.

Ntekereza ko afite imbaraga zidasanzwe!




Iyo tugize urusaku rwinshi, mama ati: "Noneho mwicare mutuje murebe TV."


Buri gihe yongeraho ati: "Ariko ni iminota 30 gusa, mugiye dufata ikiruhuko! "



Iyo tudafite imikoro yo kw’ishuri, rimwe na rimwe mama ansaba cyangwa mukuru wanjye kumufasha.

Ntabwo buri gihe mba niteguye gufasha.

Ariko ndabikora kuko nzi ko arakora cyane.




Mugihe tugenda murugo tuvuye mu iduka izuba rirenze, tuvuga umunsi wacu.

Tugomba kwihutira kumukomeza, ariko dukunda kugendana no kuganira na mama.



Areba neza ko dukora umukoro, kandi dufite umwanya wo gukina.

Areba neza ko turya imboga n'imbuto, kandi tukanywa amazi.

Iyo turwaye, atwitaho



Mwijoro, mama akomeza gukorera murugo.

Haba hariho akazi kavuye kw'iduka.

Rimwe na rimwe asinzirira ku meza!



Data areba neza ko mama afite umwanya wo kuruhuka, kandi agabanya imirimo yo m'urugo.

"Uri Mama W’ikirenga!" Papa avuga.

"Kandi ati urarenze urarenze wanjye!" Mama amwenyura.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

# Mama W'ikirenga!

**Umwanditsi** -- Mimi Werna
**Ubuhinduzi** -- Francine Muhawenimana
**Icyitegererezo** -- Marion Drew
**Ururimi** --Ikinyarwanda
**Urwego** - Paragarafuya mbere

© African Storybook Initiative 2019
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org

2023.07.05